# ITANGAZO KU NGENDO Z'ABANYESHURI

**Tariki ya 10 Ukuboza, 2025**

Hashingiwe ku ngengabihe y'umwaka w'amashuri wa 2025/2026 yatangajwe na Minisiteri y'Uburezi, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kiramenyesha abayobozi b'amashuri, abarezi ndetse n'ababyeyi ko abanyeshuri biga bacumbikirwa bazatangira gusubira mu miryango yabo mu biruhuko kuva **tariki ya 19/12/2025** kugeza **ku ya 22/12/2025**.
**Gahunda y'ingendo iteye mu buryo bukurikira:**

| UMUNSI | ITARIKI | AKARERE | INTARA/UMUJYI WA KIGALI |
|---|---|---|---|
| Ku wa Gatanu | 19/12/2025 | Huye na Nyamagabe | Intara y'Amajyepfo |
| | | Ngororero | Intara y' i Burengerazuba |
| | | Nyagatare na Gatsibo | Intara y'Iburasirazuba |
| | | Musanze | Intara y'Amajyaruguru |
| Ku wa Gatandatu | 20/12/2025 | Ruhango na Gisagara | Intara y'Amajyepfo |
| | | Nyabihu na Rubavu | Intara y'Iburengerazuba |
| | | Burera | Intara y'Amajyaruguru |
| | | Rwamagana na Kayonza | Intara y'Iburasirazuba |
| Ku Cyumweru | 21/12/2025 | Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro | Umujyi wa Kigali |
| | | Nyanza na Kamonyi | Intara y'Amajyepfo |
| | | Karongi na Rutsiro | Intara y'Iburengerazuba |
| | | Rulindo na Gakenke | Intara y'Amajyaruguru |
| | | Ngoma na Kirehe | Intara y'Iburasirazuba |
| Ku wa Mbere | 22/12/2025 | Muhanga na Nyaruguru | Intara y'Amajyepfo |
| | | Rusizi na Nyamasheke | Intara y'Iburengerazuba |
| | | Bugesera | Intara y'Iburasirazuba |
| | | Gicumbi | Intara y'Amajyaruguru |

**ICYITONDERWA:**

- Amashuri arasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, bohereza abana hakiri kare.
- Abanyeshuri bose barasabwa kugenda bambaye umwambaro w"ishuri.
- Ababyeyi barasabwa guha abana amafaranga y'urugendo azabageza mu rugo.
- Abashinzwe uburezi mu turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo gusubiza abanyeshuri mu miryango yabo, no gukurikirana ko amashuri yubahirije ingengabihe y'ingendo.
- Abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi bahanyura berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri stade ya KIGALI PELE STADIUM (NYAMIRAMBO).
- **Nyuma ya saa cyenda (15h00) z'amanywa stade izajya iba ifunze. Nta munyeshuri wemerewe kuza nyuma y'iyo saha.**